**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU GUTANGIZA IBIGANIRO BYAHARIWE ICYUMWERU CY'UBUCAMANZA KU NSHURO YA KANE (JW 4th EDITION)**

*Kigali, ku wa 8 Ukuboza 2021.*

Nyakubahwa Umushinjacyaha Mukuru;

Nyakubahwa Umuvunyi Mukuru;

Nyakubahwa Umunyamabanga Mukuru wa RIB;

Nyakubahwa Umuyobozi w'Urwego rushinzwe Infungwa n'Abagororwa (RCS);

Ba Nyakubahwa Perezida w'Urugaga rw'Abavoka n'uw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko;

Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Inzego mfatayabikorwa z'Inzego z'Ubutabera;

Ba Nyakubahwa Bacamanza;

Ba Nyacyubahiro batandukanye muteraniye hano;

Batumirwa mwese;

Mbanje kubasuhuza kandi mbashimira ubwitabire bwanyu muri ibi biganiro tugiye gutangira uyu munsi.

Nk'uko mubizi, buri mwaka Inzego zigize Urunana rw'Ubutabera zirahura zikajya inama kandi zigafata ingamba ku nsanganyamatsiko iba yateguwe hitawe ku bibazo bigaragara muri izo nzego cyangwa muri sosiyete bikeneye ibisubizo bihamye kandi birambye. Kimwe muri ibyo bibazo izi nzego zasanze kigomba kwitabwaho by'umwihariko uyu mwaka, ni ikibazo cya ruswa yakomeje kugarukwaho mu nzego zifite aho zihurira n'ubutabera muri rusange, no mu Rwego rw'Ubucamanza by'umwihariko nk'uko bigwarukwaho mu byegeranyo by'imiterere ya ruswa mu nzego zitandukanye yaba iza Leta n'iz'abikorera. N'ubwo hari intambwe igenda iterwa mu gikorwa cyo gukumira

no kurwanya ruswa, ni ngombwa ko ibyo bikomeza nta kwirara cyangwa gucika intenge kuko kutabikora byatuma ruswa iba karande, maze igatikiza umutungo wakagombye gukoreshwa mu bikorwa byo kubaka ubukungu bw'Igihugu n'iterambere ry'abaturage bacyo.

Ni muri urwo rwego kuri iyi nshuro ya kane (4) hazagenderwa ku nsanganyamatsiko igira iti "*Ubutabera ku isonga mu rugamba rwo kurwanya ruswa*". Iyi nsanganyamatsiko yemejwe hashingiwe ku kuba, n'ubwo Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zihamye zo kurwanya ruswa nko gushyiraho amategeko agamije gukumira no guhana ibyaha bya ruswa mu buryo buremereye, kugena ibyo byaha nk'ibyaha bidasaza no gushyiraho inzego zinyuranye zishinzwe kurwanya ruswa kandi izo ngamba zikaba zaratanze umusaruro ugaragara urebye urwego u Rwanda ruhagazeho mu bipimo mpuzamahanga no mu karere (*Corruption Perceptions Index 2020*), aho ruri ku mwanya wa 49 n'amanota 54 ku isi, umwanya wa kane muri Afrika n'umwanya wa mbere muri Afurika y'i Burasirazuba; haracyari byinshi byo gukora kugira ngo izi ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa zirusheho kugira umusaruro nyawo.

Hamwe rero mu hakiri icyuho harimo no mu nzego zihuriye mu Runana rw'Ubutabera bikaba bikiri ngombwa kurushaho kongera imbaraga zo kuyihashya muri izi nzego cyane cyane ko ari imwe mu nshingano yazo kuko kuyishyira mu bikorwa neza bizana umusaruro ufatika ku mikorere myiza y'izindi nzego yaba iz'abikorera n'iza Leta.

Ku bireba Urwego rw'Ubucamanza, Inama Nkuru y'Ubucamanza yashyize imbere igikorwa cyo kubaka ubucamanza bw'umwuga, burangwa n'amahame y'ubudakemwa, gufata ibyemezo biciye mu mucyo nta kubogama cyangwa

kuvugirwamo, ariko ntinazuyaza gufata ibyemezo biteganywa n'amategeko iyo hari abacamanza cyangwa abakozi b'inkiko bateshutswe kuri aya mahame.

Hari kandi n'izindi ngamba zafashwe zo gukumira no kurwanya ruswa mu nkiko, nko gushyiraho uburyo bwo kumenyera amakuru ku gihe. Akaba ari muri urwo rwego hashyizweho Komite Zishinzwe kurwanya ruswa "*Anti-Corruption Committees*" ziyobowe na ba Visi-Perezida b'inkiko zisumbuye, uw'Urukiko ry'Ubucuruzi, uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'uw'Urukiko Rukuru, ariko bakaba bafite n'abandi bakorana kugeza ku nkiko z'ibanze ndetse banafatanya n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko. Ibijyanye n'imikorere yazo tuzabisangiza abandi muri ibi biganiro. Ikindi kandi n'uko Urwego rw'Ubucamanza rwimakaje ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi hafi ya zose mu nkiko, bikaba na byo bifasha kuziba ibyuho bya ruswa.

Nk'uko bisanzwe, iki cyumweru cyabanjirijwe n'ikiganiro n'abanyamakuru mu rwego rwo kwibutsa abaturarwanda akamaro k'icyumweru cy'ubucamanza muri rusange, no kubasogongeza ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka by'umwihariko kugira ngo barusheho kumenya no gusobanukirwa icyerekezo Igihugu cyihaye cyo kurandura ruswa n'uruhare rw'Urunana rw'Ubutabera kugira ngo bigerweho, kimwe no kubashishikariza kubigiramo uruhare.

Icyiciro cya mbere rero kijyanye no kwisuzuma kwa buri rwego, kigizwe n'ibiganiro byabaye ejo hashize. Byari bigamije kureba imiterere y'ikibazo cya ruswa mu mikorere ya buri munsi y'inkiko, ibibazo cyangwa ibirego inkiko zishyikirizwa, ibyagezweho mu gukumira no kurwanya ruswa n'imbogamizi. Abitabiriye ibyo biganiro bagize umwanya wo gusesengura ibyo bibazo ndetse bafata n'ingamba zo kubikemura.

Ibiganiro by'uyu munsi biribanda ku isura y'inzego z'ubutabera mu rugamba rwo kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Hari butangwe n'ikiganiro ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko mu nzego n'ibigo bya Leta, hasuzumwa ubwoko n'imiterere by'ibibazo bya ruswa bikunze kugaragara mu mitangire y'amasako ya Leta, ikibitera, imiterere y'amategeko agenga imitangire y'amasoko n'amabwiriza bijyanye, ikoreshwa ry'ikoranabuhanga riyashamikiyeho, amategeko ahana n'ibindi. Ibyo biganiro biratangwa na bagenzi bacu bakora mu nzego zitandukanye babifitemo ubunararibonye, mu buryo bwo kungurana ibitekerezo.

Kuri uyu munsi wa 09/12/2021, twasanze ari ngombwa, nk'Urunana rw'Ubutabera, kwifatanya n'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda ngarukamwaka yo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa ku isi cyane ko ibi bikorwa byombi bihuje intego ariyo kurwanya ruswa.

Ikindi kiganiro kizatangwa ku munsi ubanziriza uwa nyuma kirebana n'isesengura ry'amategeko ahana icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo hagamijwe kureba niba agikumira akanagihana uko bikwiye cyangwa niba hari ibikwiye gukosorwa cyangwa kunonosorwa**.** Kuri uwo munsi kandi hazanaganirwa ku myitwarire iboneye ikwiye kuranga abakozi b'inzego z'ubutabera hagarukwa ku ndangagaciro zishingiye ku muco nyarwanda, ku kubaha Imana no ku mahame y'umwuga.

Kugira ngo dukomeze kubahiriza ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19, ku munsi wa nyuma wari usanzwe ari uw'imurikabikorwa, abayobozi b'inzego zigize Urunana rw'Ubutabera bazatanga ibiganiro babinyujije ku mirongo ya radio, televiziyo, ibinyamakuru n'imbuga nkoranyambaga zitandukanye, ku

mikorere y'izo nzego no ku ngamba zo kurwanya ruswa, babonereho gusubiza bimwe mu bibazo bazabazwa n'abaturage.

Turizera ko ibitekerezo bitizigamye muzatanga muri ibi biganiro bizafasha mu gushyiraho ingamba zihamye zishimangira umusingi wari usanzweho mu rugamba rwo kurwanya ruswa kandi bikazakurikirwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yose izafatwa.

Reka mfate kandi uyu mwanya nshimire abayobozi bakuru b'Inzego zigize Urunana rw'Ubutabera, Inzobere zatoranijwe gutanga ibiganiro, abandi bafatanyabikorwa kimwe n'Itsinda ritegura iki cyumweru kubera uruhare rwanyu mu migendekere myiza yacyo. Nkaba kandi mboneyeho umwanya wo gufungura ku mugaragaro imirimo y'iki Cyumweru cy'Ubucamanza ku nshuro ya kane.

Mbifurije ibiganiro byiza kandi byubaka.

Mugire amahoro.